REPUBULIKA Y'U RWANDA

SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE

Ijambo rya Minisitiri w'Intebe,

Nyakubahwa Dr. Edouard Ngirente,

Mu muhango wo gusoza Ihuriro rya 16 ry'Urubyiruko Gatolika

Rubavu, ku wa 10/12/2017

- **Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko,**
- **Nyiricyubahiro Musenyeri wa Diyoseze ya Nyundo mukaba ari namwe mwatakiriye,**
- **Nyiricyubahiro Musenyeri Servilien Nzakamwita, Umushumba wa Diyosezi Gatolika ya Byumba mukaba na Perezida w'Inama Ishinzwe Iyogezabutumwa mu Rubyiruko mu Rwanda,**
- **Ba Nyiricyubahiro Basenyeri,**
- **Bayobozi bo mu Nzego zitandukanye muri hano,**
- **Bihaye Imana mwese,**
- **Rubyiruko rwacu mwaduhurije hano uyu munsi,**

1. Ndabasuhuje mwese kandi mbifurije Amahoro y'Imana.

2. Nshimishijwe no kuba naje kwifatanya n'uru rubyiruko rurenga ibihumbi 5,000 rw'Abakirisitu Gatolika, muri ibi byishimo byo gusoza ihuriro ryabo rya 16.

3. Ndashimira cyane Kiliziya Gatolika yateguye iri huriro ry'ingirakamaro, ryari rigamije gufasha urubyiruko rwacu kuba abantu barangwa n'indangagaciro za kimuntu. Ndasaba n'andi madini n'amatorero, nk'abarinzi b'imitima, kwigira kuri uru rugero rwiza rwa Kiliziya Gatolika. Ndashimira by'umwihariko kuba mwantumiye muri uyu muhango.

4. Ndabashimira kandi namwe rubyiruko mwitabiriye iri huriro, cyane cyane mwe rubyiruko mwaje muturuka mu bihugu by'abaturanyi kandi by'abavandimwe.

5. Kuri Guverinoma y'u Rwanda ndetse n'ibihugu byose by'Afurika muri rusange, urubyiruko rufite agaciro gakomeye. Nirwo mizero ya none n'ejo. Nirwo rugize umubare munini w'abatuye Afurika kandi nibo bafite imbaraga nyinshi zo guteza imbere umugabane wacu.

6. Ku birebana n'u Rwanda, abari mu nsi y'imyaka 30 barenga 65%. Nibo rero barusha ibindi byiciro by'Abanyarwanda imbaraga n'ubushobozi bwo kwiga vuba ubumenyi buzafasha Igihugu cyacu kugera ku ntego yo kugira umwanya mu ruhando rw'ibihugu bifite ubukungu bushingiye ku bumenyi (Knowledge-based Economy).

- **Rubyiruko rwacu,**

7. Bimwe mu byo mwatojwe muri iri huriro ryanyu harimo ingamba zo guhangana n'ibibazo muhura nabyo n'uko mwaba ibisubizo ku bihugu byanyu aho kuba umuzigo. Mu byo mwakoze muri iyi minsi, twumvise harimo n'umuganda wo gutera ibiti kuri uriya musozi wa Rubavu tureba. Mwarakoze cyane. Turabibashimira. Leta irifuza kugira urubyiruko nkamwe, rubyaza umusaruro amahirwe Igihugu cyaruhaye rukarushako kwiteza imbere no gutanga umusanzu mu gukemura ibibazo bibangamira iterambere ry'Igihugu yacu.

8. Ndabasaba kuzashyira mu bikorwa neza inama zose mwagiriwe muri iri huriro ryanyu no kuzazigeza ku rubyiruko rundi rutagize amahirwe yo kuryitabira. By'umwihariko, ndabasaba kwirinda ingeso mbi zose zatuma mwangiza ejo heza hanyu n'ah'ibihugu byanyu. Zimwe muri izi ngeso ni ubusinzi, kwiyahuza ibiyobyabwenge, kwiyandarika, ubwomanzi, kudatinya umugayo, kubiba amacakubiri, ubugwari, ubusambanyi butuma bamwe bandura indwara zitandukanye abandi bagasama inda zitateguwe, ubunebwe n'irari ry'ibintu.

9. Murasabwa kureba kure no kwiyemeza kugira uruhare mu bikorwa byose by'iterambere. Muzashyire umwete mu kwiga no gukoresha ikoranabuhanga kugira ngo ribe imwe mu nzira yo kubakingurira imiryango (exposure) ku mahirwe menshi ari mu bihugu byanyu no hanze yabyo kandi rinabafashe kwihuta mu iterambere. Muzitabire cyane umuco wo kwizigamira no gukorana bihagije n'amabanki n'ibigo by'imari. Muzakomeze kandi kurushaho kubyaza umusaruro amahirwe menshi Guverinoma ibaha ngo abafashe kwiteza imbere harimo nk'Ikigo BDF gitanga ingwate igera kuri 75% ku mishinga y'urubyiruko n'abagore kugira ngo ihabwe inguzanyo.

10. Muzarusheho gukorera hamwe kuko abishyize hamwe ntakibananira. Kuba umwe ni nabyo Yezu Kirisitu asabira abamwemera bose n'abazamwemera nk'uko tubisanga mu Ivanjili ya Mutagatifu Yohani mu mutwe wa 17, umurongo wa 20 aho agira ati: "Nk'uko wowe, Dawe, uri muri jye, nanjye nkaba muri wowe, ndasaba ko na bo bunga ubumwe muri twe, kugira ngo isi yemere ko ari wowe wantumye".

- **Banyacyubahiro mwese muri hano,**
- **Rubyiruko rwacu,**

11. Uruhare rw'ababyeyi mu burere bwiza bw'urubyiruko ni ngombwa. Uko urubyiruko rwitwara akenshi rubikomora kubyo rubona mu miryango yarwo. Ababyeyi rero barasabwa guhora baha abana babo urugero rwiza kandi muri byose. Urugero twumvise rw'imiryango itandukanye yacumbikiye uru rubyiruko rwaje muri iri huriro harimo rwose n'idadahuje ukwemera narwo kandi bakaba barabanye neza, bikwiye kubera isomo Abanyarwanda bose. Ibi byubaka ubucuti. Byubaka ubuvandimwe dutozwa na Gahunda ya Ndi Umunyarwanda.

12. Ndifuza gusoreza hano nongera gushimira Kiliziya Gatolika yateguye iri huriro kandi nongera no kuyizeza ubufatanye bwa Guverinoma buhoraho muri gahunda zose zo kubaka umuryango nyarwanda. Nshimiye n'inzego zose zagize uruhare mu itegurwa n'imigendekere myiza y'iri huriro harimo Minisiteri y'Urubyiruko, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Imiyoborere (RGB) n'Inzego z'Umutekano bashyize hamwe imbaraga mukaba mumaze hano iminsi ine mutekanye, mwishimye kandi musabana.

13. Ndabifuriza rubyiruko rwacu, kuzashyira mu bikorwa neza imyanzuro mwafashe. Muzarusheho kubyaza umusaruro aya mahirwe yo guhura no kubaka ubucuti hagati y'urundi rubyiruko, ari urw'Abanyarwanda n'urwo mu bihugu duturanye. Mukomeze mube umusemburo w'iterambere.

14. Nejejwe rero no gutangaza ko nshoje ku mugaragaro, ihuriro rya 16 ry'urubyiruko Gatolika.

Murakoze mugire amahoro y'Imana.